**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

**Nyakubahwa Minister w'Ubutabera w' Igihugu cya Mali**

**Nyakubahwa Insipegiteri Generali wa Polisi y'u Rwanda**

**Muyobozi wa One UN mu Rwanda**

**Umuyobozi Wungirije w'Urwego rushinzwe Ubugenzuzi bw'Iterambere n'Uburinganire**

**Umunyambanga Nshingwabikorwa w'Inama y'Abagore,**

Premièrement permettez-moi de vous presenter notre invité depuis 3 jours:

Excellence mon ami et frère, Me Mamadou Ismaila KONATE, Ministre de la Justice et des Droits de l'Homme de la République du Mali, je tiens a vous remercier pour votre visite que vous effectuez ici au Rwanda. Le Rwanda et le Mali entretiennent déjà de bonnes relations bilatérales, et cette bonne relation entre nos deux pays vient de se renforcer avec l'établissement d'une très grande coopération et partenariat entre nos deux ministères de la justice.

Munyemerere mbanze nshimire mbivanye ku mutima abagore bakomeje gukorera Urwego rwa Polisi y'Igihugu, bakorana umurava, ubwitange n'icyubahiro. Sinifuza kubatandukanya nabasaza banyu ariko uyu munsi ni uwanyu na basaza banyu bamfashe tubashimire.

Muradushimisha, muduhesha icyubahiro n'ishema rikomeye. Kera twibwiraga tukaniyemeza ko hari imirimo ibereye abagabo n'indi ibereye abagore none mwatweretse ko byaterwaga no kudasobanukirwa neza.

Nshimishijwe no kubana namwe muri uyu muhango wo gutangiza inama y'ihuriro ry'abapolisi b'abagore ku nshuro ya 8.

Ni umuhango uziye igihe kuko uje nyuma y'umunsi umwe twizihije umunsi mpuzamahanga w'abagore wari ufite insangamyamatsiko ihamagarira abagore guharanira impinduka yita ku buringanire (*Be bold for changes*).

Ni muri icyo cyerekezo Leta y'u Rwanda yashyizeho uburyo bukwiriye mu guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye nka politiki y'igihugu. Mu gihe dutangiza iri huriro rya 8 ry'abapolisi b'abagore rifite insanganyamatsiko igira iti "Twongere intambwe iganisha ku buringanire n'igipolisi cy'umwuga", twakwibutsa ko duha agaciro kanini uruhare rw'abagore mu kubungabunga umutekano, cyane cyane kurengera no guteza imbere uburenganzira bw'abagore n'abana tubarinda ihohoterwa iryo ariryo ryose.

Ndagirango nshimire Polisi y'u Rwanda n'abafatanyabikorwa bayo, iki gikorwa ngarukamwaka kigamije kubahiriza politiki y'igihugu y'iterambere n'uburinganire.

Iri huriro ngarukamwaka rifasha abapolisi b'abagore kwicara hamwe ndetse bari kumwe n'abayobozi, bakarebera hamwe intambwe imaze guterwa, imbogamizi, no kwigira hamwe uburyo bwo kurushaho kunoza akazi kabo.

Namenyeshejwe ko inama nk'izi zabanjirije iyi, ibyemezo byafatiwemo byashyizwe mu bikorwa kandi neza.

Abagore b'abapolisi bamaze gukora imirimo myinshi y'indashyikirwa, igaragarira ku bikorwa byiza bimaze gukorwa n'urwego rushinzwe iterambere n'uburinganire muri Polisi yu Rwanda ku rwego rw'igihugu ndetse n'abayihagarariye mu turere twose.

Izi nzego n'uburyo zahawe zafashije Polisi gukumira no kurwanya ibyaha birimo ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana.

Abagore b'abapolisi kandi bagize uruhare rufatika mu kubungabunga amahoro hirya no hino ku Isi mu butumwa bwa Loni. Sinshidikanya ko ibi bikorwa by'ingenzi byagezweho bitera ishema abapolisi b'abagore, bizatera abanyarwandakazi benshi kwinjira mu gipolisi nk'uko tubyifuza.

Polisi yu Rwanda iri hafi kumara imyaka 17 ibayeho, imaze kugira abapolisi b'abagore bagera kuri 20% by'abapolisi bose, ariko igishimishije cyane si ukwiyongera mu mubare

, ahubwo ni ubuhanga , ubushobozi n’ubunyamwuga bamaze kugira, bigamije kubungabunga umutekano w’abanyarwanda no kugira uruhare n’icyizere mu bibakorerwa.

Ubu abapolisi b’abagore bamaze gutera intambwe ishimishije kuko bari mu myanya ifata ibyemezo muri Polisi y’u Rwanda.

Kubera izo mpamvu, twizeye ko imyanzuro izava mu nama y’iri huriro, izateza imbere uburinganire muri Polisi y’u Rwanda ku rwego rushimishije. Abanyarwanda babaziho kandi babatezeho kuba intangarugero mu kubumbatira indangagaciro nyarwanda mu gihe cyose mwuzuza inshingano zanyu zo kubungabunga umutekano.

Usibye kuba muri abapolisi, muri ababyeyi, abarezi, muri abakobwa mu miryango yanyu. Ni nayo mpamvu mugomba guhora muri bandeberehoo nk’abapolisi biyubashye kandi b’abanyamwuga.

Ndabizi ko ibitekerezo byiza byavuye muri iri huriro mu minsi yashize byatanze umusaruro mu rwego rw’imibereho myiza, ubumenyi ndetse n’ubushobozi. Birazwi kandi ko mwaranzwe n’imyifatire myiza mu kazi kanyu kugeza ubu. Ubunyamwuga buranga abapolisi bu Rwanda mu kazi kabo haba mu gihugu no mu mahanga burashimishije kandi bugaragarira buri wese. Bigamije ubwitange mu kubumbatira amahoro iyi mikorere y’ubudashyikirwa si umwihariko w’abagabo, n’abagore bamaze kutwereka ko babikora kugera ku kigero cyose gikenewe.

Abagore n’abagabo b’abapolisi bafite inshingano yo gushyigikirana, kurinda umutekano wabo ubwabo, no gufatanya muri byose mu gihe bakorera igihugu cyabo. Mufite inshingano rero yo gutuma umunyarwanda wese abagirira icyizere igihe cyose, hakaba no kuba muri abarinzi b’amahoro, umutekano, uyibahirizwa ry’amategeko n’ituze. Imyifatire yanyu n’uburyo mushyira mu bikorwa inshingamo mufite, nibyo bigaragaza isura y’urwego muhagarariye arirwo Polisi yu Rwanda. Ni nayo mpamvu mufite inshingano yo kubumbatira isura nziza iranga uru rwego.

Nagira ngo nsoze iri jambo mbizeza ko Leta yu Rwanda izakomeza kubashyigikira no kubafasha muri izi ngamba nziza mufite zo guteza imbere uburinganire mu gipolisi cy’umwuga.Mbifurije inama nziza kandi izavemo ibitekerezo by’ingirakamaro.

Nagira ngo munyemerere mbamenyeshe ko ntangije iri huriro rya 8 ry’abapolisi b’abagore ku mugaragaro.

Mugire amahoro.